Le nettoyage se fait, soit par aspiration, soit par balais, soit par lavage à l'aide de brosse, ou de linges humides si les conditions de l'exploitation ou la nature de revêtement du sol s'opposent au lavage.

Ingingo ya 9: Isohorwa ry'imikungugu n'emyuka mibi

Imikungugu, ibyuka binuka, byanduye cyangwa birimo uburozi bigomba gusohorwa uko bigenda biboneka. Ibyuya, imyuka, ibyuka, imikungugu bitaremereye bisohokera mu nzira zabugenewe.

Imikungugu ituruka mu bimashini; nk'ibihura, ibisya cyangwa ibindi bimashini byose mekaniki igomba gufatwa n'ibyuma byabugenewe.

Ingingo ya 10: Ubucucike bw'ahantu

Umukoresha agomba kureba neza ko ahakorerwa akazi nta bintu byinshi byaba bihari bishobora kuba byakwangiza cyangwa bigahungabanya ubuzima bw'abakozi ashinzwe.

Icyumba gikorerwamo kigomba kuba giteye ku buryo buri mukozi agira umwanya uhagije wo gukoreramo kandi umuha umwuka uhagije.

Ingingo ya 11: Uburyo bwo kubona umwuka

Umukoresha agomba kuba afite ahantu hakorerwa akazi hafite umwuka mwiza kandi uhagije.

Article 9: Elimination of unwanted gases and dust

Dust, noxious, unhealthy or toxic gases shall be immediately removed from the work premises as they are produced. Light mists, vapors, gases and dusts shall be removed through appropriate channels.

The dust from molds, threshers, mills or any other mechanical devices shall be captured through appropriate devices.

Article 10: Overcrowding

An employer shall ensure that his/her workplace shall not, while work is carried on, be so overcrowded to the extent of causing a risk of injury to the health of the persons employed therein.

The workplace premises shall be built in such a way that each worker enjoys a sufficient size and necessary freespace having adequate amount of air.

Article 11: Ventilation

An employer shall ensure that effective and suitable ventilation is made in each workplace.

Article 9: Elimination des gaz et poussières

Les poussières et les gaz incommodes, insalubres ou toxiques doivent être évacués directement en dehors des locaux de travail, au fur et à mesure de leur production. Les buées, vapeurs, gaz et poussières légères sont évacués par des hottes munies de cheminées ou tout autre appareil d'élimination efficace.

Les poussières provoquées par les moules, les batteuses, les broyeurs ou tout autre appareil mécanique doivent être captées par un dispositif approprié.

Article 10: Encombrement

Un employeur doit s'assurer que son milieu de travail n'est pas encombré de façon à provoquer le risque à la santé de ses employés.

Le local de travail doit être aménagé de façon à permettre à chaque travailleur de jouir d'un espace suffisant permettant de disposer d'une aération suffisante.

Article 11: Ventilation

Un employeur doit s'assurer que les provisions de l'air frais sont efficaces et convenables dans chaque lieu de travail.

Birabujijwe ko abakozi bajyanwa gukorera ahantu hafite umwuka ushobora kugira ingaruka mbi ku buzima bwawo.

Minisitiri ufile umurimo mu nshingano ze, ashobora gushyiraho, akoresheje amabwiriza, ibipimo ngenderwaho bigomba kuranga umwuka mwiza usabwa ahantu hakorerwa akazi.

Ingingo ya 12: Urumuri

Umukoresha agomba gushyiraho uburyo bwo kugeza ku bakozi urumuri rwiza, ruhagije kandi ruhoraho, rwaba urumuri rw'amashanyarazi cyangwa urumuri rusanzwe aho umukozi akorera cyangwa anyura.

Amadirishya cyangwa ibindi byashyiriweho kongera urumuri bigomba guhora bisukuye haba ari imbere cyangwa inyuma habyo, kandi nta kintu kibiriho cyabangamira urumuri.

Amadirishya cyangwa amabati atanga urumuri agomba kuba akoze ku buryo adatuma imirasire y'izuba itambuka ikagera imbere ahakorerwa akazi. Agomba kandi kuba akoze mu buryo butuma arinda kwifungirana bikabije. Aho urumuri karemano rudahagije, hifashishwa amashanyarazi.

Ahantu hose hakorerwa akazi hashyizwemo n'inzira zo hagati cyangwa ingazi ziri hagati mu nyubako hagomba kuba hari urumuri hose kugira ngo akazi gakorwe neza kandi abakozi

It is prohibited to place a person in an area where he/she may breathe air that is dangerous to his/her health.

The Minister in charge of labour may by rules, prescribe standards of adequate ventilation for workplace.

Article 12: Lighting

An employer shall ensure that effective provision is made for securing and maintaining sufficient and suitable lighting, whether natural or artificial, in every part of his/her workplace in which persons work or pass.

All glazed windows and skylights used for the lighting of workrooms shall be kept clean on both the inner and outer surface and be free from obstruction.

Windows, skylights or illuminating roofs shall be designed so as not to let in sunlight directly in the work premises and shall be equipped with devices such as blinds and curtains designed to avoid excessive isolation. Where natural light is insufficient, artificial light shall be provided.

All premises and appurtenances including passages and stairways shall be adequately lit to ensure safe work performance and easy movement of persons at workplace in order to

Il est interdit de placer des personnes dans les endroits où ils peuvent respirer de l'air susceptible de nuire à leur santé.

Le Ministre ayant le travail dans ses attributions peut mettre en place, par voie d'instructions, les normes de ventilation adéquate du lieu de travail.

Article 12: Éclairage

L'employeur doit assurer et maintenir un éclairage suffisant et adapté, qu'il soit naturel ou artificiel, dans chaque partie des lieux de travail ou de passage.

Toutes les baies vitrées et des puits de lumière utilisés pour l'éclairage des salles de travail doivent être propres sur leurs surfaces intérieure et extérieure et libres de toute obstruction ou entrave.

Les fenêtres, les puits ou les toits d'éclairage doivent être conçus de manière à ne pas laisser passer la lumière du soleil directement dans les locaux de travail et être équipés de dispositifs tels que les stores et les rideaux conçus pour éviter un isolement excessif. Là où la lumière naturelle est insuffisante, la lumière artificielle doit être fournie.

Tous les locaux et les accessoires, y compris les passages et les escaliers doivent être suffisamment éclairés pour assurer le bon déroulement du travail et faciliter les

bafashwe mu gihe bagendagenda ku kazi kugira ngo bibarinde icyabahungabanya cyose. Urumuri rugomba guturuka ku rumuri karemano rugaca ahantu hafunguye.

UMUTWE WA IV: UMUTEKANO KU MASHINI

Ingingo ya 13: Umutekano mu gukoresha imashini n'ibindi bikoresho

Imashini cyangwa se ibindi bikoresho byimurwa cyangwa bitimurwa bikoreshwa ku kazi cyangwa bikorerwaho akazi bigomba gukoreshwa umurimo byagene we kandi bigakoreshwa n'umuntu ubizi kandi ubishoboye.

Ingingo ya 14: Moteri

Buri cyuma kizunguza gicometsse kuri moteri kigomba kubikwa mu nzu yihariye kandi kigakikizwa n'ibisika cyangwa n'uruzitiro bikomeye. Moteri ikoreshwa n'umuriro, n'ibindi byose bimeze nkayo bigomba kuba ahantu cyangwa kubikwa ahantu hazitiye neza.

Ahabikwa moteri cyangwa imashini hagomba kwinjirwa gusa n'abakozi bashinzwe gukoresha no gufata neza izo mashini.

Hasi mu myanya izitandukanya hagomba kuba haringaniye kandi harakozwe ku buryo hatanyerera.

avoid any inconvenience to workers. Lighting shall come from natural light which penetrates through openings.

CHAPTER IV: MACHINERY SAFETY

Article 13: Safe use of plant machinery and equipment

All plant, machinery and equipment whether fixed or mobile for use either at the workplace or as a workplace, shall only be used for work which they are designed for and be operated by a competent person.

Article 14: Prime movers

Any flywheel connected to any prime mover and every moving part of any prime mover shall be kept in a separate engine-house and shall be enclosed in fixed partitions. Electric generator, motor and rotary converter and flywheel directly connected thereto and every part of transmission machinery shall be securely fenced.

Generators and engine rooms shall only be accessible to workers assigned to run and regularly maintain these machines.

The soil surface in the in-between space shall be leveled and rendered non-slippery.

mouvements des personnes au travail pour éviter des dérangements aux travailleurs. L'éclairage doit provenir de la lumière naturelle par voie des ouvertures.

CHAPITRE IV: SECURITE DES MACHINES

Article 13: Sécurité d'utilisation des machines d'usine et équipement

Toutes les installations, machines et équipement fixes ou mobiles destinés à être utilisés soit comme équipements de travail ou en tant que lieu de travail doivent uniquement être utilisés pour des fins pour lesquelles ils sont conçus et par une personne compétente.

Article 14: Forces motrices

Tout volant relié à une force motrice et toute partie mobile d'une force motrice doit être gardé dans un distinct moteur-maison et être enfermé dans les partitions fixes. Le générateur électrique, convertisseur de moteur et rotatif et volant d'inertie qui y est directement connecté et chaque partie du mécanisme de transmission doivent être placés dans des endroits solidement clôturée.

Les générateurs et les salles des machines doivent être exclusivement accessibles aux travailleurs affectés à leur gestion et à leur entretien régulier.

La surface du sol dans l'espace qui les sépare doit être nivelée et non glissante.

Ingingo ya 15: Kwegera imiyoboro n'imashini

Gutangiza imiyoboro, kuyisana no kuyitaho bigomba gushingwa abakozi babifitiye ubushobozi bakora mu kigo cyangwa baturuka hanze yacyo. Iyo miyoboro igomba kurindwa ku buryo nta wundi muntu uyigeraho, wemererwa kuyikoramo cyangwa kuyikoresha.Umukozi uri hafi y'imashini yaka agomba kwambara imyenda imukwiriye itagurukanwa n'umuyaga.

Ingingo ya 16: Kwitondera imashini zatera impanuka

Gushyira imashini ahantu, kuzitumiza mu mahanga, no gukoresha imashini cyangwa ibice by'imashini bishobora guteza impanuka bigomba gukorwa ku buryo abakozi batabifitiye ubushobozi badashobora kugira aho bahurira na byo haba ku bushake bwabo cyangwa batabishaka igihe birimo gukora.

Umukoresha agomba gukora ku buryo ibyanditse kuri izo mashini bigaragaza uko zikora ndetse n'ibimenyetso bigaragaza ibyatera impanuka bigomba guhindurwa mu ndimi hakoreshejwe amagambo yumvikana kandi bikamanikwa bugufi y'izo mashini.

Ingingo ya 17: Imashini zifite umuvuduko munini

Nta mukozi n'umwe mu buryo busanzwe

Article 15: Access to installations and machines

The startup, repair and maintenance of installations shall be entrusted to a fully qualified staff within or outside the establishment. The installations shall be protected to the extent that no other person can access them or be permitted to tamper with them. The worker standing near the operating machine shall wear form-fitting and non floating clothing.

Article 16: Precautions to be taken on hazardous machines

Installing, importing and operating a machine or its parts likely to be hazardous shall be done in such a way that unauthorized employees cannot either voluntarily or involuntarily access them while in operation.

The employer shall ensure that the machine operating instructions and the danger signs are translated into languages that are understandable and displayed near the machine.

Article 17: High speed machines

Every worker shall not perform any work in

Article 15: Accès aux installations et machines

La mise en action, la réparation et l'entretien des installations doivent être confiés à un personnel parfaitement qualifié appartenant ou non à l'établissement. Les installations doivent être protégées de manière qu'aucune autre personne ne puisse y avoir accès ou être admise à y travailler ou à y effectuer des manœuvres. Le travailleur qui se tient près de la machine en marche doit porter des vêtements ajustés et non flottants.

Article 16: Précautions à prendre pour les machines dangereuses

L'installation, l'importation et l'exploitation d'une machine ou de ses parties susceptibles d'être dangereux doit être faite de telle manière que des employés non autorisés ne peuvent pas accéder volontairement ou involontairement à des machines en fonctionnement.

L'employeur doit s'assurer que les instructions de fonctionnement de la machine et les signes de danger sont traduits de façon compréhensible dans des langues et affichés près de la machine.

Article 17: Machines à haute vitesse

Aucun travailleur ne doit avoir son lieu de

ugomba gukorera akazi ke ahantu hafi cyangwa mu cyerekezo ikiziga cyikaragiramo, ityazo ry'ikiziga cyikaraga cyangwa indi mashini yose iremereye yikaraga ifite umuvuduko munini.

Ityazo ryose ry'ikiziga cyikaragana umuvuduko munini rigomba kuba ryubakiye cyangwa ritwikiriwe ku buryo igihe ricitse, ibimene bifatwa n'ibiryubakiye cyangwa ibiritwikiriye.

Inyandiko igaragara neza yerekana incuro ntarengwa ibyo byuma bigomba kwikaraga mu munota, igomba gushyirwa kuri buri kiziga cyikaraga, no kuri buri tyazo ryacyo cyangwa ku yindi mashini yose iremereye yikaraga ifite umuvuduko munini.

Ingingo ya 18: Imashini zikurikiranye

Kwatsa no kuzimiriza icyarimwe imashini zakirizwa ahantu hamwe bigomba kubanzirizwa buri gihe n'ikimenyetso cyumvikanyweho.

Birabujije gukoresha intoki ku kintu cyose cyikaraga nk'iminyururu cyangwa ikamba bituma icyuma kimwe gikaraga ikindi mu gihe moteri y'imashini zakirizwa ahantu hamwe ihagaritswe.

Ingingo ya 19: Icyuma gihagarika imashini zikoreshwa na moteri

Icyuma gihagarika imashini zikoreshwa na moteri kiba buri gihe kiri ahantu hatateza

the rotation plane of a machine and in the immediate vicinity of a wheel, a millstone of any rotating machine or any machinery that is weighty and high-speed rotating.

Any high-speed rotating millstone shall be mounted or covered so that in case of breakage, fragments will be retained either by mounting parts or by the cover.

A clear inscription indicating the maximum number of rotations such machines swing in a minute shall be placed on each rotating machine and its millstone or on any other weighty and rotating.

Article 18: Chain machines

The collective start-up and shut-down of machines operated by control device shall always be preceded by an agreed signal.

It is prohibited to use bare hands at any rotating object like release lever or engine belt in case the engine of chain machines is shut down.

Article 19: Engine shutdown control device

The engine shutdown control device shall always be located outside the danger zone and shall be easily and immediately operated.

travail dans le plan de rotation d'une machine, aux abords immédiats d'un volant, d'une meule de tout engin pesant et tournant à grande vitesse.

Toute meule tournant à grande vitesse doit être montée ou enveloppée de telle sorte qu'en cas de rupture, ses fragments sont retenus, soit par les organes de montage, soit par l'enveloppe.

Une inscription très apparente doit être placée auprès des volants meules et autres engins pesant et tournant à grande vitesse et indiquer le nombre de tours par minute qui ne doit pas être dépassé.

Article 18: Machines en chaine

La mise en marche et l'arrêt de machines en chaîne actionnées par une même commande doivent être toujours précédés d'un signal convenu.

Lorsque le moteur des machines en chaîne est arrêté, le maintien des courroies est toujours fait à l'aide d'un levier de débrayage et non directement à la main.

Article 19: Appareil d'arrêt des machines motrices

L'appareil d'arrêt des machines motrices est toujours placé en dehors de la zone dangereuse

impanuka kandi gikoreshwa byihuse ku buryo bworoshye.

Ingingo ya 20: Kwita ku mashini

Birabujije gusukura no gushyira amavuta mu byuma bikwirakwiza imikore yimashini mu bindi bice byayo mu gihe imashini iri gukora.

Igihe hari icyuma kirimo gusanwa cyangwa gusukurwa, imashini igomba guhagarikwa hakoreshejwe ikintu cyabugeneve gikumira itirimuka ryibice byayo binyeganyega iyo irimo gukora ku buryo bishobora gukomeretsa umukozi.

Ingingo ya 21: Ibyuma byifashishwa mu kuzamura imitwaro cyangwa abantu

Icyuma cyose cyagenewe guterura cyangwa kuzamura ibintu cyangwa abantu kigomba kuba cyubatswe neza mu buryo bukomeye, nta nenge n'imwe gifite kandi kigomba gutunganywa no gukurikiranwa mu buryo buhagije nibura rimwe mu mezi atandatu (6).

Iyo isuzuma ryerekana ko icyo cyuma kifashishwa mu kuzamura abantu gifite ikibazo gituma kitakomeza gukoreshwa mu mutekano wose, kigomba guhita gikorwa mu buryo bwihuse.

Article 20: Maintenance of machines

It is prohibited to clean and lubricate drive components and mechanisms of a machine while it is in operation.

In case a part of a machine is under repair or if it is being cleaned, the machine shall be shut down by an appropriate device that blocks the movement of its moving parts that may otherwise cause injuries to a worker.

Article 21: Hoists and lifts

Every hoist or lift shall be of good mechanical construction and adequate strength, free from patent defect and be properly maintained at least once in every period of six (6) months.

Where the examination shows that the hoist or lift cannot continue to be used with safety, repairs shall be carried out immediately.

et de telle manière qu'il puisse être actionné facilement et immédiatement.

Article 20: Maintenance des machines

Il est interdit de procéder au nettoyage et au graissage des organes de transmission et de mécanismes d'une machine en marche.

L'arrêt d'un organe mécanique en cas de réparation ou de nettoyage doit être assuré par le calage convenable des pièces mobiles dont le déplacement accidentel serait susceptible de blesser le travailleur.

Article 21: Appareils de levage et ascenseurs

Chaque appareil de levage ou ascenseur doit être de bonne construction mécanique et d'une résistance suffisante, exempts de défauts manifestes et doit être minutieusement entretenu au moins une fois dans chaque période de six (6) mois.

Si l'examen montre que le palan ou l'ascenseur ne peut pas continuer à être utilisé en toute sécurité, des réparations doivent être effectuées immédiatement.

**UMUTWE WA V: IBITEGANYWA
MURI RUSANGE KU MUTEKANO**

Ingingo ya 22: Inzira ziri mu nzu imbere

Inzira z'imbere mu nzu zihuza ibice bitandukanye by'inyubako zikorerwamo ndetse n'ingazi zigomba kuba ngari bihagije bitewe n'umubare w'abakozi, ku buryo haramutse habaye impanuka abakozi bavanwamo ku buryo bworoshye.

Imyanya hagati y'ibimashini n'aho abantu bakorera igomba kuba minini bihagije kugira ngo birinde abakozi imbogamizi n'impanuka iyo ari yo yose yaturuka ku kwikuba ku mashini cyangwa ku gice cyayo batabishaka.

Ingingo ya 23: Aho abakozi banyura basohoka

Kugira ngo abakozi n'abakiriya bashobore gusohorwa vuba igihe habaye inkongi y'umuriro cyangwa indi mpanuka, buri nyubako igomba kugira imiryango ihagije, ingazi n'inzira zitabazwa mu gihe cy'impanuka ziboneka hose ku buryo buno zezihora zagutse kandi nta bintu bizirunzemo.

Ibyumba bikorerwamo akazi biri mu miturirwa cyangwa ibiri munsi y'ubutaka bigomba kuba bifite ingazi zihagije. Kuba hari asanseri cyangwa ubundi buryo bwitabazwa mu gutwara abantu ntibigomba kuba impamvu yo kugabanya umubare n'ubugari bw'ingazi.

**CHAPTER V: GENERAL PROVISIONS
ON SAFETY**

Article 22: Interior passage corridors

The interior passage corridors of workplace premises connecting different parts of the premises as well as stairways shall be sufficiently large depending on the number of workers in order to facilitate easy evacuation in case of any emergency.

The space between machines, facilities and workstations shall be wide enough to enable workers to avoid any embarrassing situations and injury by accidental contact with a machine or any part thereof.

Article 23: Exit ways

For the purposes of rapid evacuation of workers and customers in case of fire or any other accident, building shall have a sufficient number of doors, stairways and emergency exits appropriately distributed, always open, and without crowded objects.

Work premises located on floor or basement levels shall always be served by a sufficient number of stairways. The existence of lifts or other mobile facility shall not constitute an excuse for reducing the number and width of stairways.

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS
GENERALES SUR LA SECURITE**

Article 22: Couloir des passages

Les passages à l'intérieur des lieux de travail, couloirs et galeries faisant communiquer les différentes parties des locaux doivent être suffisamment larges compte tenu du nombre des travailleurs pour permettre une évacuation aisée en cas d'urgence.

Les espaces entre machines, installations et poste de travail doivent être suffisamment larges pour éviter aux travailleurs toute gêne et tout accident susceptible d'être causé par un contact fortuit avec une machine ou partie de machine.

Article 23: Voies de sortie

En vue d'assurer une évacuation rapide du personnel et de la clientèle en cas d'incendie ou de tout autre danger, tout bâtiment doit posséder un nombre suffisant des portes et des escaliers et des issues de secours judicieusement réparties, lesquels doivent toujours être libres et jamais encombrés d'objets quelconques.

Les locaux situés aux étages ou en sous-sol doivent toujours être desservis par des escaliers, en nombre suffisant. L'existence d'ascenseurs ou autre installation mobile ne peut pas justifier une diminution du nombre et de la largeur des escaliers.

Ingingo ya 24: Inzira z'abantu babana n'ubumuga

Ahantu hose hakorerwa akazi hagomba kuba hari ahantu hagenewe kunyurwa n'abantu babana n'ubumuga nk'aho banyuza utugare twabo, ibyuma bibabuza kugwa cyangwa ibindi bintu byose bashobora kwishingikiriza.

Ingingo ya 25: Ibyapa by'umutekano

Inyubako iyo ari yo yose, hakurikijwe uko ibyumba byayo biteye, igomba kuba ifite inyandiko zigaragaza aho umuryango wa hafi usohoka uri.

Inzira zatabazwa mu gihe cy'impanuka n'uburyo rusange bwo gusohoramo abantu byandikwa mu nyuguti zisomeka kuri buri muturirwa kandi iyo nyadiko igomba kuba yumvwa n'abakoresha iyo nzu bose.

Hagomba kubaho urumuri rwitabazwa mu gihe cy'impanuka kugira ngo rucanwe mu gutabara abantu mu gihe urumuri rusanzwe rwabuze.

Ingingo ya 26: Kubika ibikoresho

Ibikoresho byose bigomba kubikwa neza mu buryo bwiza ku buryo nta gikoresho gishobora guhubuka cyangwa kunyerera kikaba cyakwitura ku bakozi.

Article 24: Passage for persons living with disabilities

Every workplace shall have specific passage for persons with disabilities, such as the passage for wheelchairs, guardrails and other devices which may serve as support.

Article 25: Safety signs

Any building, depending on the nature of its rooms, shall have a clearly visible sign indicating the way to the nearest exit.

Emergency exits and the general emergency evacuation plan shall be marked with clearly visible letters at each level and shall be easily interpreted by all users.

There shall be emergency lighting system to facilitate easy evacuation of persons in case of accident in the event of any incidental interruption of normal lights.

Article 26: Arrangement of object

Equipment storage shall be arranged in such a way that no object can slip and fall on workers.

Article 24: Passage pour personnes vivant avec handicap

Tout lieu de travail doit disposer de passage spécifique pour les personnes vivant avec handicap, notamment le passage pour les chaises et fauteuils roulants, les garde-fous et autres dispositifs pouvant servir de support.

Article 25: Signaux de sécurité

Tout bâtiment, de par la disposition de ses locaux, doit avoir des inscriptions bien visibles indiquant le chemin vers la sortie la plus rapprochée.

Les sorties de secours ainsi que le plan général d'évacuation sont signalés en caractères bien visibles à chaque niveau et doivent être facilement interprétés par tous les usagers.

Un éclairage de sécurité doit être mis en place en vue de permettre l'évacuation des personnes en cas d'interruption accidentelle de l'éclairage normal.

Article 26: Disposition ou arrangement des objets

Le stockage du matériel doit être disposé de telle façon qu'aucun objet ne peut glisser ou tomber sur les travailleurs.

Ingingo ya 27: Igenzura ry'ibikoresho

Ibikoresho, imashini, ibikoresho n'ibindi byangombwa byose byashyizwe ahantu runaka kugira ngo bikoreshwe bigomba gukorerwa igenzura mu bihe byagene biteganywa n'amabwiriza y'ababikoze cyangwa hakurikije inama zitangwa n'inzobere muri urwo rwego.

Ibyavuye muri iryo genzura bigomba kwandikwa mu gitabo cyandikwamo ibijyanye n'igenzura ry'ibikoresho kandi hakagaragazwa itariki, ubwoko bw'igenzura, izina ry'uwarikoze n'icyo ashinzwe n'umukono w'umukozi ushinzwe ibikorwa by'igenzura.

Ingingo ya 28: Gukoresha neza ibikoresho

Umukoresha agomba gufata ingamba ziboneye kugira ngo ibikoresho byo kwirinda bikoreshwe uko bikwiye, bifatwe neza mu mikoreshereze kandi hirindwa ubwandu bwagira ingaruka mbi ku buzima bw'umukozi.

Umukozi agomba kwigishwa kandi akanakangurirwa impamvu zo gukoresha ibikoresho byo kumurinda yahawé.

Igikoresho cyo kwirinda cy'umuntu ku giticye kigomba kuba kitagoranye mu kugikoresha kandi kitabangamira imikorere y'akazi.

Article 27: Equipment control

Equipment, machinery and other devices shall be checked periodically in accordance with manufacturer's instructions or as recommended by experts in the field.

The results of such checks shall be recorded in the equipment control register and shall indicate the date, nature of check and the name of the person who checked and his/her position, position and signature of the officer responsible for checking operations.

Article 28: Proper use of equipment

The employer shall take all necessary measures to ensure that protective equipment is properly used, by maintaining them and protecting them against any contamination that may be dangerous to the health of the worker.

The worker shall also be trained and sensitized on the need to use any protective equipment available to him/her.

The personal protective equipment shall be easy to handle and shall not hinder any task accomplishment.

Article 27: Contrôle du matériel

Les matériels, engins, installations et autres dispositifs doivent faire l'objet de contrôles périodiques conformément aux instructions des constructeurs ou selon les recommandations de spécialistes en la matière.

Les résultats de ces contrôles doivent être consignés dans le registre de contrôle du matériel et mentionner la date, la nature du contrôle ainsi que le nom, la qualité et la signature de l'agent chargé des opérations de contrôle.

Article 28: Utilisation adéquate du matériel

L'employeur doit prendre toute mesure utile pour que le matériel de protection soit correctement utilisé, maintenu en bon état de fonctionnement et dépourvu de toute souillure pouvant nuire à la santé du travailleur.

Le travailleur doit être formé et sensibilisé à la nécessité de l'utilisation du matériel de protection mis à sa disposition.

Le matériel de protection individuel doit être facilement maniable et ne pas gêner la réalisation de la tâche.

Ingingo ya 29: Kugenzura ubwandure bw'umwuka, urusaku n'ubutigite

Iyo ahantu hakorerwa akazi hari umukungugu, umwotsi cyangwa indi myuka ishobora kugira ingaruka mbi ku buzima bw'abahakora, hagomba gufatwa ingamba zose zishoboka mu kurinda abakozi kuba bahumeka iyo myuka mibi ndetse no kurinda ko iyo myuka yaguma imbere mu nzu ahakorerwa akazi.

Ahantu hose hakorerwa akazi hari urusaku cyangwa ubutigite bushobora kwangiza amatwi cyangwa kumva, cyangwa bufite ingaruka mbi ku buzima bw'umuntu, umukoresha agomba gufata ingamba zikomeye zo gukuraho cyangwa kurinda urwo rusaku umuntu wese rushobora kugiraho ingaruka.

Ahantu hose ubutigite bushobora kuba bwagera ku mubiri w'umuntu biturutse ku kintu gikomeye, bikagira ingaruka mbi ku buzima bwe, hagomba gufatwa ingamba zikomeye zo kurinda cyangwa kubungabunga ubuzima bw'umuntu wese ushobora kuba yahura n'izo ngaruka.

Ingingo ya 30: Guhindurirwa imirimo ku ruhushya rwa muganga

Igihe ahantu umuntu akorera hashobora kuba hari umwuka mubi, urusaku cyangwa

Article 29: Control of air pollution, noise and vibration

When in workplace, there is given off any dust or fume or other impurity of such character which are harmful to persons employed, all practicable measures shall be taken to protect the employees against inhalation of the dust or fume to prevent its accumulation in a workroom.

In every workplace where the level of sound energy or vibration emitted can result in hearing impairment or be harmful to health or otherwise dangerous, all practicable measures shall be taken by the employer to ensure the elimination or control of such sound energy for purposes of protecting any person who may be exposed.

In every workplace where any vibration which is transmitted to the human body through solid structure, is harmful to health, all practicable control, preventive and protective measures shall be taken by the employer to secure the safety and health of any such person who may be exposed to the vibration.

Article 30: Transfer on medical advice

Where the work involves exposure to air pollution, noise or vibration, a medical

Article 29: Contrôle de la pollution de l'air, du bruit et des vibrations

Lorsque, en milieu de travail, il se dégage de la poussière ou de la fumée ou autres impuretés de nature à nuire aux personnes employées, toutes les mesures possibles doivent être prises pour les protéger contre l'inhalation de la poussière ou de fumée en vue d'éviter son accumulation dans les locaux de travail.

Dans tout lieu de travail où le niveau d'énergie sonore ou des vibrations émises peuvent entraîner une déficience auditive ou être nuisibles à la santé ou être autrement dangereuses, toutes les mesures possibles doivent être prises par l'employeur pour assurer l'élimination ou le contrôle de l'énergie sonore en vue de protéger toute personne qui peut y être exposée.

Dans tout lieu de travail où toute vibration transmise au corps humain par une structure solide est nocive pour la santé, tout contrôle possible et toutes les mesures de prévention et de protection doivent être antrepris par l'employeur pour assurer la sécurité et la santé des personnes qui peuvent être exposées à la vibration.

Article 30: Transfert sur avis médical

Lorsque le travail implique l'exposition à la pollution de l'air, au bruit ou à la vibration, un

ubutigite bufite ingaruka mbi ku buzima bwe, umuganga wemewe amaze kumusuzuma akabona ko atagishoboye gukomeza gukora aho hantu ashobora kumusabira guhindurirwa imirimo.

Icyiciro cya mbere: Kurinda inkongi y'umuriro

Ingingo ya 31: Inyubako zishobora gushya ku buryo bworoshye

Ahantu hose habikwa ibintu bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye hagomba kubakwa mu bintu bidashobora kwaka cyangwa bidapfa gufatwa n'umuriro, cyangwa bikabikwa hanze y'inzu ikorerwamo kugira ngo bidatera ikibazo cyo gusohoka mu gihe habaye inkongi y'umuriro muri ubwo bubiko.

Ingingo ya 32: Kurindwa kw'ahantu hashobora gushya

Ahantu hose hashobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye hagomba kuba mu bice byihariye byitaruye izindi nyubako kubera impamvu z'umutekano no mu rwego rwo kurwanya no kuganza inkongi y'umuriro mu buryo bworoshye. Imbere mu nyubako, ibyumba bishobora gushya ku buryo bworoshye bigomba mu buryo bwose bushoboka kuba byitaruye ibindi.

practitioner may recommend to transfer the employee if he has evidence that he/she can not continue working in that environment.

Section One: Fire prevention

Article 31: Fire risk buildings

All stocks of highly inflammable substances shall be kept in a fire-resisting store or in a safe place outside any occupied building in order not to endanger the means of escape from the workplace or from any part thereof in the event of a fire occurring in the store.

Article 32: Isolation of fire risk facilities

Fire risk facilities shall be located in special areas and separated from other buildings for the safety of the latter and in order to facilitate fire fighting and containment. In the premises, fire risk workplaces therein shall, in any circumstance, be isolated from other places.

médecin peut recommander de transférer l'employé, si, après consultation, il a la preuve que l'employé ne peut pas continuer à travailler dans cet environnement.

Section première: Mesures de prévention des incendies

Article 31: Bâtiments présentant des risques d'incendies

Tous les stocks de substances hautement inflammables doivent être gardés dans un magasin résistant aux incendies ou dans un endroit sûr à l'extérieur des bâtiments occupés pour ne pas mettre en danger les moyens de sortie du lieu de travail ou de toute partie de celui-ci en cas d'un incendie survenu dans le magasin.

Article 32: Isolement des installations à risque

Les installations présentant des risques d'incendie doivent être implantées dans les zones spéciales et séparées d'autres constructions pour la sécurité de celles-ci et pour faciliter la lutte et la circonscription de l'incendie. A l'intérieur des bâtiments, les lieux de travail présentant des risques d'incendie doivent dans la mesure du possible être isolés des autres lieux.

Ingingo ya 33: Kumurikira ibyumba no kubyoherezamo umwuka

Ibyumba bitsemo kandi bikoreshwamo ibikoresho bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye, bimurikirwa hakoreshejwe gusa amatara y'amashanyarazi afite ibirahure bibiri bigerekeranye kandi ntibigomba gushyirwamo ikintu cyose cyateza inkongi y'umuriro. Bigomba kuba bifite umwuka uhagije.

Ibirimi by'umuriro bisohorwa n'amatara agandanwa bigomba kuba byibuze muri santimetro mirongo itatu (30) z'ubutambike uvye ku gice cy'yo nyubako gishobora kwaka, ku bikoresho cyangwa ku bicuruzwa biri mu bubiko. Inzira iri hagati y'umuryango n'ahantu hakorerwa igomba kuba nta kintu kiyrimo.

Mu gihe amadirishya y'ibyo byumba arimo ibyuma birinda abantu kuyanyuramo, ibyo byuma bigomba kuba bikingurirwa imbere ku buryo bworoshye.

Ingingo ya 34: Uburyo bwo kwirinda

Birabujije gushyira cyangwa kwandarika ibantu bishobora gufatwa n'umuriro ku buryo bworoshye mu ngazi, aho abantu banyura, mu nsi y'ingazi cyangwa ahegereye imiryango y'inyubako n'ibyumba.

Ibikoresho byitabazwa mu gupfunyika, ibarizo, ibitambaro byashaje, ipamba

Article 33: Lighting and ventilation of premises

Premises in which flammable materials are stored and handled shall only be lit up by double-jacketed electric lamps, contain no firebox, flame and have no device that can produce sparks or incandescence parts. The premises shall have sufficient air.

Flames of portable lighting appliances shall be kept away from any combustible part of the building, furniture or stored goods at a horizontal distance of at least thirty (30) centimeters. The passage between the exit and the work place shall remain free of any obstructions.

Where the windows of such premises are equipped metals, such metals shall be opened from inside.

Article 34: Precaution measures

No person shall leave flammable materials in the stairways, corridors, under the stairs and near the exits of the buildings.

Packaging materials, sawdust, rags, cotton materials or any other waste soaked with oil or

Article 33: Eclairage et ventilation des locaux

Les locaux où sont entreposés et manipulées des matières inflammables ne peuvent être éclairés que par des lampes électriques munies d'une double enveloppe et ne doivent contenir aucun foyer, aucune flamme, aucun appareil pouvant donner lieu aux étincelles ou contenir des parties susceptibles d'être portées à l'incandescence. Les locaux doivent être parfaitement ventilés.

Les flammes des appareils d'éclairage portatifs doivent être distantes de toute partie combustible du bâtiment, du mobilier ou des marchandises en dépôt dans une distance d'au moins trente (30) centimètres horizontalement. Le passage se trouvant entre le poste de travail et l'issue doit être dégagé.

Si les fenêtres de ces locaux sont munies de grillages, elles doivent s'ouvrir très facilement de l'intérieur.

Article 34: Mesures de précaution

Il est interdit de poser ou de laisser traîner des matières inflammables dans les escaliers, passages et couloirs, sous les escaliers ainsi qu'à proximité des issues des locaux et bâtiments.

Les matériaux d'emballage, sciure, chiffons, coton, papiers, ou autres déchets imprégnés

cyangwa indi myanda yanyoye amavuta n'urugimbu, ibisigazwa by'ibiti n'ibikoresho bya palasitiki ntibigomba kurundwa ahakorerwa umurimo ahubwo bishyirwa ahantu hizewe mu bubiko bukoze mu cyuma kandi bufunze neza kugira ngo bizashobore gusenywa hakurikijwe uburyo bwagenwe.

Ingingo ya 35: Amatara akoresha gazi cyangwa ibitembabuzi byaka

Mu masaha y'akazi, kuzuza imashini zikoresha ibitembabuzi byaka cyangwa gazi, haba mu byumba bikorerwamo akazi, haba mu mayira cyangwa mu ngazi bigomba gukorwa gusa ku manywa kandi nta muriro uhacanye.

Impombo zijiyan ibitembabuzi byaka cyangwa gazi zicanwa mu mashini zitanga urumuri no mu byuma bigomba gutahura imyotsi zigomba kuba zikozwe mu byuma.

Ingingo ya 36: Kubuza kunywa itabi

Birabujije kunywera itabi ahantu hakorerwa no mu byumba bibitsemo ibintu bishobora gushya ku buryo bworoshye cyangwa byaka ubusa.

Ibyapa bibuza kunywa itabi bigomba gushyirwa ahantu hagaragara neza kandi n'ibyuma bitahura imyotsi bigomba gushyirwa hafi y'aho hantu.

grease, wood and plastic waste shall not be piled at the place of work but rather in a safe place in closed metal and waterproof containers in order to be properly disposed of accordingly.

Article 35: Lighting apparatus with liquid or gaseous fuels

During working hours, filling the lighting apparatus with liquid or gaseous fuels, either in the workplace or in the passages or stairs shall be carried out only during the day and with no fire lit.

Pipes transmitting liquid or gaseous fuels to lighting and heating apparatus shall be wholly made up of metal without liking.

Article 36: Prohibition of smoking

Smoking is strictly prohibited in the workplace and in premises where there are readily combustible or flammable materials.

Smoking prohibition signs shall be clearly displayed in a visible place and smoke detectors shall be installed near such places.

d'huile ou de graisse, déchets de bois ou des matières plastiques ne doivent pas être accumulés sur les lieux de travail mais placés dans un lieu sûr dans des récipients métalliques fermés et étanches pour être correctement éliminés selon les procédures indiquées.

Article 35: Appareils d'éclairage à combustible liquide ou gazeux

Pendant les heures de travail, le remplissage des appareils d'éclairage à combustible liquide ou gazeux, tant dans les locaux de travail que dans les passages ou escaliers servant à la circulation, doit se faire dans la journée et sans allumer du feu.

Les canalisations amenant les liquides ou gaz combustibles aux appareils d'éclairage et de chauffage doivent être entièrement métalliques.

Article 36: Interdiction de fumer

Il est strictement interdit de fumer sur le lieu de travail et dans des locaux où il y a des matériaux facilement combustibles ou inflammables.

Des panneaux d'interdiction de fumer doivent être mis dans des lieux visibles et des installations détectrices de fumées doivent être posées à proximité de ces lieux.

Ingingo ya 37: Igenzura rihoraho

Igenzura rihoraho rigomba gukorwa ahantu hashobora guturuka inkongi y'umuriro; by'umwihariko ahegereye imashini zishyushya, ahari insinga z'amashanyarazi, mu bubiko bw'ibintu bicanwa cyangwa bishobora gufatwa n'umuriro mu buryo bworoshye, cyangwa ahantu hakorerwa isudira cyangwa gukata ibyuma hitabajwe ubushyuhe.

